**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**B.P. 160 KIGALI**

# IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTABERA/INTUMWA NKURU YA LETA MU MUHANGO WO KWIBUKA ABAKOZI BAZIZE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI BAKORERAGA MURI MINIJUST NA MINISITERI ZAHURIJWE MURI MININFRA

**TARIKI YA 21/05/2021**

Bayobozi batandukanye muteraniye hano;

Abahagarariye abandi mu miryango yabuze ababo bahoze ari abakozi ba MINIJUST n'inzego ubu zibarizwa muri MININFRA ;

Bakozi ba MININFRA, MINIJUST na RLRC.

Mbanje kubashimira ku bwo kwitabira uyu muhango; ariko nanabasaba ngo dukomeze gufatana mu mugongo muri ibi bihe twibuka abacu bazize Jenoside yakorewe Abatutsi, by'umwihariko abahoze bakorera MINIJUST n'inzego ubu zibarizwa muri MININFRA.

Kuba twarashoboye guhurira hamwe tugakora iki gikorwa n'ubwo turi mu bihe bitoroshye byo guhangana n'icyorezo cya Covid-19 n'izindi ngaruka

zacyo, ni igikorwa gikomeye kandi kikaba ari inshingano y'ingenzi tutagomba kuzirikana igihe cyose amabwiriza abitwemerera. Nkaba mboneyeho no gushimira buri wese wagize uruhare kugira ngo iki gikorwa kigende neza.

Imyaka 27 irashize Jenoside yakorewe Abatutsi ikozwe igahitana abarenga miliyoni harimo ibyiciro byose ni ukuvuga abana, abagore, abagabo, abasore, inkumi, abasaza n'abakecuru, muri bo, harimo inzirakarengane zari abakozi ba MINIJUST n'abari ab'inzego ubu zibarizwa muri MININFRA arizo Minisiteri zahoranye amazina ya MINITRAPE na MINITRANSCO. Kubibuka no kubunamira ni kimwe mu bikorwa bigomba guhora bidufasha kuzirikana ububi bwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bikaba n'umwanya wo gusubiza icyubahiro inzirakarengane zazize jenoside, ndetse no kubasubiza agaciro bambuwe igihe bicwaga urw'agashinyaguro.

Umwanya nk'uyu kandi ukwiye kudufasha kongera gutekereza no gufata ingamba zo gukomeza kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside, ihakana ndetse n'ipfobya ryayo mu buryo bwose kandi aho ariho hose. Turasabwa kwamagana abahakana jenoside n'abagerageza bose gusibanganya ibimenyetso no kugoreka amateka. Tugomba kandi gushyira hamwe kurusha mbere, duharanira ukuri kandi dukora ku buryo guhakana jenoside bidashinga imizi. Uru rugamba rukaba rutureba twese.

Dukwiye guhaguruka twese uko habonetse uburyo ubwo aribwo bwose buganisha ku guhakana no gupfobya jenoside, tukabirwanya, kuko ibi bikorwa byo guhakana no gupfobya ubwabyo ni kimwe mu bigize jenoside aho ari intambwe ya nyuma mu gukora icyaha cya jenoside, bigamije gukomeza gushinyagurira abarokotse jenoside. Ntabwo bikwiye rero gukorwa ngo natwe tubirebere.

Kuri uyu munsi twibuka abacu bazize jenoside yakorerwe Abatutsi bapfuye hakoreshejwe ubugome ndengakamere, bidufasha kuzirikana ko isi nta cyo yakoze ngo ikumire jenoside yakorewe Abatutsi. Uko gutereranwa n'amahanga nibyo byaviriyemo imiryango imwe kuzima

ntihagira urokoka. Ibyo nibyo bikwiye kudutera guhuriza hamwe imbaraga kugira ngo twubake ejo heza, binyuze mu bwiyunge, ubutabera no kubahiriza uburenganzira bwa muntu,

Nyuma y'imyaka 27, hamaze gukorwa byinshi mu nzira y'iterambere no kudaheranwa n'agahinda. Mu kwibuka niho dukura imbaraga zo kurenga ku mateka mabi twubaka amateka meza aho Umunyarwanda ari imbere ku isonga mu rugamba rw'iterambere. Byinshi byarakozwe mu butabera n'uyu munsi biracyakorwa, aho abasize bakoze jenoside bakajya kwihisha hirya no hino ku isi ku bufatanye n'amahanga harimo abagarurwa bakaburanishwa. Abatarafatwa nabo bamenye ko ukuboko k'ubutabera ntaho kutagera : bitinde bitebuke bazakurikiranwa baryozwe uruhare rwabo muri Jenoside yakorewe Abatutsi, cyane ko iki cyaha kiri mu byaha bidasaza. Hamaze guterwa intambwe ikomeye mu bumwe n'ubwiyunge. Igihugu cyacu kuri ubu ni intangarugero mu kwiyubaka, kubera ko ari amahitamo y'Abanyarwanda.

Mu gusoza iri jambo nagirango nongere nshimangire ko Leta y'u Rwanda ishishikajwe no gushakisha icyatuma Abanyarwanda birinda ibibatanya bakishimira kwibonamo ubunyarwanda mbere y'ibindi byose, bakagira ishema ry'igihugu cyabo ku buryo icyashaka kubatanya kitabona aho kimenera.

Ndongera kandi gusaba buri umwe gukomera no kwihangana muri ibi bihe by'akababaro.

Murakoze. Dukomeze kwibuka Twiyubaka !